ISHEMA Party- Parti ISHEMA- Ishyaka ISHEMA

TRUTH – INTREPIDNESS – SOCIAL JUSTICE

08 Rue Charles Yvray, 76620 Le Havre, France

Tel +33652110445/+33643601311 Email : ishema_party@yahoo.fr Website: www.ishema-party.org

Bruxelles, kuwa 17 Mutarama 2016

Nyiricyubahiro Paul KAGAME

Umukuru w'igihugu cy'u Rwanda

Village URUGWIRO

Kacyiru, Umujyi wa Kigali

RWANDA

Impamvu: Gusaba kuganira na Leta y'u Rwanda

Nyiricyubahiro Mukuru w'igihugu,

1. Twebwe abagize Komite nyobozi y'ishyaka ISHEMA ry'u RWANDA dushingiye kuri gahunda y'ishyaka ryacu yo kuza gukorera politiki mu Rwanda guhera tariki ya 28 Mutarama 2016,

2. Tumaze gutega amatwi no gusesengura ijambo mwagejeje ku banyarwanda mu gutangira umwaka mushya wa 2016,

3. N'ubwo tutishimiye icyemezo mwafashe cyo kwiyamamariza manda ya gatatu mu matora yo mu mwaka wa 2017, namwe mukaba muzi neza ko iyo manda ya gatatu irimo "akabazo" nko kuba mutayemerewa n'Itegeko Nshinga nk'uko ryavuguwe mu Ukuboza 2015, ndetse hakaba nta muntu n'umwe ushyira mu gaciro ubashyigikiye muri uwo mugambi wo kugundira ubutegetsi; nyamara twakiriye neza icyifuzo mwagaragaje cy'uko mwiteguye kuganira n'abatavuga rumwe na Leta muyoboye mu rwego rwo gusigasira ibyiza byagezweho no gukomeza icyerekezo cy'iterambere. Nta shiti ko kuganira byatuma abanyarwanda bizera iterambere rirambye kandi risaranganyijwe.

4. Kongere y'ishyaka ISHEMA yateranye kuva tariki ya 15 kugeza tariki ya 17 Mutarama 2016 i Buruseli mu Bubirigi yahaye agaciro icyo igitekerezo cyo kuganira mwatanze ndetse gishyigikirwa n'amashyaka ahuriye muri Nouvelle Generation.

5. Twongeye gushimangira ko Opozisiyo twiyemeje gukora idakwiye gufatwa nk'urubuga rwo kujya impaka za "ngo turwane", gufunga umutwe no kwima amatwi abo tutavuga rumwe, ahubwo nibimenyekane ko icyo tugamije ari ugutanga

TRUTH – INTREPIDNESS – SOCIAL JUSTICE
08 Rue Charles Yvray, 76620 Le Havre, France
Tel +33652110445/+33643601311 Email : ishema_party@yahoo.fr Website: www.ishema-party.org

ibitekerezo byubaka twirinda kuryamira ukuri kandi twihatira kugaragaza no gusobanura umushinga w'uko tuzayobora igihugu mu gihe rubanda izaba imaze kuduhundagazaho amajwi. (Opposition ouverte et constructive).

Kubera iyo mpamvu tubandikiye tubasaba kutugenera umwanya mukakira kandi mukaganira n'intumwa zacu hagenderewe ibi bikurikira:

a. Kubagezaho icyemezo na gahunda yo kuza gukorera politiki mu Rwanda

b. Ikibazo cya manda ya gatatu

c. Ikibazo cy'urubuga rwa politiki rudaha umwanya ukwiye amashyaka ya opozisiyo

d. Ikibazo cy'impunzi z'Abanyarwanda zinyanyagiye ku isi

Nyakubahwa, turifuza ko Delegation yacu yakwakirwa mu gihe cya vuba kugira ngo ntitugumye gutinda gutanga umusanzu wacu mu kubaka urwatubyaye. Twiteguye kuza i Kigali cyangwa se tukaba twahurira ahandi hakwiye twakumvikanaho.

Turizera tudashidikanya ko mwakira iki icyifuzo cyiza gifitiye Abanyarwanda twese akamaro gakomeye.

Imana ihe u Rwanda amahoro.

Mu izina rya Komite nyobozi y'ishyaka ISHEMA,

Padiri NAHIMANA Thomas

Umunyamabanga mukuru w'ishyaka ISHEMA n'umukandida w'ishya ISHEMA mu matora y'umukuru w'igihugu yo mu mwaka wa 2017.

<u>Umugereka:</u>

Imyanzuro ya Kongere y'ishyaka ISHEMA yateranye kuva tariki 15 kugeza tariki ya 17 Mutarama 2016.